Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
Akarere ka Kamonyi

# "ABESAMIHIGO NEWSLETTER"

# AMAKURU Y'INGENZI YARANZE AKARERE KA KAMONYI

## UKUBOZA 2025




## IBIRIMO


- GACURABWENGE: HABEREYE IBIRORI BY'UMUNSI MPUZAMAHANGA W'ABAFITE UBUMUGA (Page: 2)
- RUNDA: HATANGIJWE ICYUMWERU CYAHARIWE UBUTABERA (Page: 5)
- HAKOZWE AMAHUGURWA KU IKORESHWA RY'URURIMI RW'ICYONGEREZA MU MYIGIRE NO MYIGISHIRIZE (Page: 9)
- HATANGIJWE KU MUGARAGARO IGIKORWA CYO GUFOTORA ABATURAGE KUGIRA NGO BAZAHABWE IRANGAMUNTU" (Page: 11)
- IBIKORWA BY'ITORERO RY'UMUDUGUDU BIKOMEJE ISHINGIRO RYO KUBAKA UBUNYARWANDA NEC (Page: 12)
- MUGINA: RWANDA KOLPING SOCIETY YASHYIKIRIJE IMIRYANGO 50 IBIGEGA BIFATA AMAZI (Page: 14)
- HAKOZWE UBUGENZUZI KU BIKORWA BY'ISUKU NO GUCA IBINYOBWA BITUJUJE UBUZIRANENGE (Page: 15)




E-ndangamuntu no gukosora imyirondoro





EPR: 30 bahawe ubupasiteri

## GACURABWENGE: HABEREYE IBIRORI BY'UMUNSI MPUZAMAHANGA W'ABAFITE UBUMUGA



Tariki ya 03 Ukuboza 2025, muri GS Rosa Mystica mu Murenge wa Gacurabwenge niho habereye ku rwego rw'Akarere ibirori byo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Abantu bafite Ubumuga . Insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti" Dushyigikire umuryango udaheza Abantu bafite Ubumuga duteze imbere imibereho myiza" .



Uyu munsi waranzwe n'ibikorwa bitandukanye biganisha ku kugaragaza ko abafite ubumuga bashoboye, hakaba hanatanzwe ku miryango y'abatishoboye matelas 86, ingurube 60 n'imashini 5 byatanzwe na Cartas Dioseze ya Kabgayi mu rwego kongerera ubushobozi abafite ubumuga no kwiteza imbere.




Ibi birori byitabiriwe na Musenyeri NTIVUGURUZWA Balthazar umushumba wa Dioseze Gaturika ya Kabgayi, ubuyobozi bw'Akarere bwari buhagarariye n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee, hari kandi Umuhuzabikorwa wa NCPD mu Karere bwana NZIGIYIMANA Michel.





## UBUYOBOZI N'ABAFATANYABIKORWA BAHURIYE MU NAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU BYAGEZWEHO MU MUSHINGA GREEN AMAYAGA



Tariki 04 Ukuboza 2025, ku Ruyenzi mu Murenge wa RUNDA habere inama nyunguranabitekerezo igamjie kureberav hamwe ibyagezweho mu myaka 5 uyu mushinga GREEN AMAYAGA umuaze ukorera mu Karere ka Kamonyi.

Ni gahunda yibanze ku gutera ibiti bivamwa n'imyaka, ibiti by'imbuto, amashyamba n'ibiti biterwa mu nkengero z'imigezi. Hatanzwe gaz zo gutekaho mu rwego rwo kugabanya ibicanwa, hatanzwe n'amatungo magufi ku bagenerwabikorwa b'umushinga.



Abatumiwe muri iyi nama bibukijwe ko nubwo ibikorwa by'umushinga bishojwe, inzego zose zifite inshingano zo kubungabunga ibyagezweho.



Inama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel, yari kumwe na bwana SONGA Remy umuhuzabikorwa w'umushinga Green Amayaga.

## ABATUYE KAMUHANDA BAGANIRIYE N'UBUYOBOZI KU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IGISHUSHANYO MBONERA




Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana Niyongira Uzziel, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere hamwe n'Umuyobozi w'Imirimo Rusange mu Karere, basuye abaturage bakorera cg batuye Kamuhanda mu Murenge wa Runda, Akagari ka Ruyenzi, baganira ku ishyirwa mu bikorwa rya "Master Plan" igamije gutegura no gutunganya Igice cy'Inganda (Industrial Zone).



Hanasobanuwe gahunda yo kwimura abaturage bahatuye kugira ngo ibikorwa by'inganda bizashyirwe muri ako ku buryo bwiza bwubahiriza igishushanyo mbonera cy'Akarere.

Abaturage bahawe ibisobanuro ku nyungu z'iterambere, basobanurirwa imikoreshereze y'ubutaka, basobanuriwe ko abashaka gushora imari bazubaka inganda cyangwa nabo ubwabo bakishyirahamwe bakaba bakora ishoramari.

Komite Nyobozi yizeje ko kwimurwa bizakorwa mu mucyo kandi abaturage bagahabwa amakuru yose akenewe.



# RUNDA: HATANGIJWE ICYUMWERU CYAHARIWE UBUTABERA

Mu Kagari ka Muganza Umurenge wa RUNDA kuwa 08 Ukuboza niho hatangiriwje icyumweru cy'Ubutabera gifite insanganyamatsiko igira iti: "



Ubuhuza mu manza, inkingi y'ubutabera bunoze, bwihuse kandi burangiza ikibazo ". igikorwa cyatangijwe n'Umuyobozi w'Imirimo rusange mu Karere bwana NDAHIMANA Longin, cyateguwe ku bufatanye n'Urwego rw'Ubucamanza n'izindi nzego zigize urunana rw'Ubutabera zirimo Ministeri y' Ubutabera, Ubushinjacyaha Bukuru, Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha (RIB), Polisi y'Igihugu, Urwego rw'Igihugu rushinzwe Igorora (RCS), Urugaga rw'Abavoka, Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko, n'abandi bafatanyabikorwa ari nabo bitabiriye itangizwa ry'iki cyumweru.



Gahunda yaranzwe no kuburanisha mu ruhame aho icyaha cyakorewe urubanza ruregwamo abantu 3 bakekwaho kuba barishe umuntu muri Kanama 2025. Inteko y'urukiko yari iyobowe na Mme KWIZERA Joseline Présidente w'iburanisha ku rwego rw'isumbuye rwa Muhanga.





## ABAFATANYABIKORWA MU ITERAMBERE BATERANYE MU NTEKO RUSANGE

Kuwa 19 Ukuboza 2025, ku Ruyenzi mu Murenge wa Runda habereye inama y'inteko rusange yahuje abagize Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere JADF. Ni inama yayobowe na Perezida wa JADF bwana SEMUGAZA Tharcisse, ikaba yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere.




Muri iyi nama haganiriwe kuri raporo ku bugenzuzi bwakorewe imiryango inyuranye (Local & International NGOs), harebwa imikorere n'uruhare rwabo mu iterambere ry'Akarere, ibikorwa bigari biteganyijwe mu igenamigambi ry'Akarere ry'umwaka utaha wa 2026/2027 ikaba ari imishinga ikubiye mu nkingi z'ubukungu, imibereho myiza y'abaturage n'imiyoborere myiza, hanatanzwe ikiganiro ku ruhare rw'abafatanyabikorwa mu gufasha abaturage kwikura mu bukene (graduation). Hatanzwe kandi ikiganiro ku mikorere ya SACCO y'Akarere (JYAMBERE KAMONYI SACCO).







## ABASENATERI BAGIRIYE URUZINDUKO RW'AKAZI MU KARERE

Kuwa 23 Ukuboza, itsinda riyobowe na Hon. Senateri Dr. Nyinawamwiza Laetitia ryakoze ubugenzuzi ku miterere y'igenamigambi ryo kwegereza abaturage amazi meza n'uruhare rw'abikorera n'abandi bafatanyabikorwa muri uru rwego.



Ku rwego rw'Akarere bakiriwe n'umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe ubukungu bwana Uzziel Niyongira iki gikorwa cyabanjirijwe n'inama yitabiriwe n'inzego zitandukanye arizo: WASAC, PSF, abacunga imiyoboro y'amazi bikorera, umufatanyabikorwa ARDE/ KUBAHO n'inzego z'umutekano. Nyuma y'inama hasuwe ibikorwa birimo ishuli rya ECOSE Musambira n''ivomero rusange.





# HAKOZWE INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU RUHARE RW'URUBYIRUKO MU IGENAMIGAMBI

Kuwa 24 Ukuboza ku bufatanye n'umuryango CLADHO wari uhagarariwe na Mme MAHORO Keziah, ku Karere habereye ibiganiro biyatibiwe n'abakuriye inzego z'urubyiruko mu Karere.



Inama yayobowe n'umuyobozi w'Agateganyo w'Ishami ry'Imiyoborere Myiza bwana SEKAMANA Oswald ikaba yari igamije gushishikariza urubyiruko mu kugira uruhare mu igenamigambi n'ibibakorerwa .



Umuyobozi w'Ishami ry'igenamigambi yagaragaje imishinga migari iri muri DDS 2024-2029 irebana no guteza imbere urubyiruko by'umwihariko bibutswa ko urubyiruko rugomba kugira uruhare mu iterambere ryabo n'igihugu muri rusange



# HAKOZWE AMAHUGURWA KU IKORESHWA RY'URURIMI RW'ICYONGEREZA MU MYIGIRE NO MYIGISHIRIZE





Inama yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere ari kumwe n'intumwa za REB zaje gutanga amahugurwa.
Hari hatumiwe abayobozi b'Ibigo by'amashuri yose, abashinzwe uburezi mu Mirenge, abayobozi b'Imirenge n'abakozi bo mu ishami ry'uburezi ku Karere. Igikorwa cyakurikiranywe na KAYIJUKA Diogene Umuyobozi w'Ishami ry'Uburezi.

Tariki 08 Ukuboza Ku Karere habereye inama yateguwe ku bufatanye n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe uburezi REB ku ikoreshwa ry'ururimi rw'icyongereza ku myigire n'imyigishirize y'ururimi rw'icyongereza mu mashuri mu rwego rwo gufasha abarezi n'abana kumenya icyongereza hagamijwe kuzamura ireme ry'uburezi.



# GUTANGIZA UMUSHINGA WO GUTUNGANYA SITE Y'IMITURIRE YA BUSASAMANA




Kuwa 09 Ukuboza 2025, mu Kagari ka Buhoro Umurenge wa Musambira, h atangijwe ku mugaragaro umushinga wo gutunganya site y'imiturire ya Busasamana. Ni umushinga Akarere gafashwamo n'Ikigo cy'Abadage gikurikirana imishinga y'iterambere- GIZ aho uyu mufatanyabikorwa atangira gukora igishushanyo mbonezamiturire cy''iyi site ihuje Imidugudu ya Gihogwe, Gihembe na Busasamana ku bufatanye na komite ya site y'abaturage.



Uyu muhango wahagarariwe ku rwego rw'Akarere n'Umuyobozi Mukuru w'imirimo rusange Bwana NDAHIMANA Longin ari kumwe n'itsinda ry'abakozi bo mu Biro bifite imiturire mu nshingano. Hanatowe abazatorwamo barindwi(7) bagize Komite ya site y'Icyitegererezo ya Busasamana.



# RUNDA: HATANGIJWE KU MUGARAGARO IGIKORWA CYO GUFOTORA ABATURAGE KUGIRA NGO BAZAHABWE IRANGAMUNTU

Tariki 10 Ukuboza, uyu munsi mu Mirenge yose hatangiye igikorwa cyo gufotora abaturage kugira ngo bazahabwe Indangamuntu Koranabuhanga (E-Ndangamuntu). Ni igikorwa cyakozwe ku bufatanye bw'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Irangamuntu (NIDA) ndetse na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC).
E-Ndangamuntu izafasha mu gutanga no guhabwa serivisizihuta kuko amakuru bwite y'umuntu azaba yahurijwe ahantu hamwe, kuyageraho bitakigoranye.



Muri iyi gahunda abayobozi bagejeje ubutumwa ku bitabiriye babashishikariza kwitabira iyi gahunda ko ireba buri Munyarwanda wese.



Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere bwana NYONI Emilien Lambert yatangirije k u rwego rw'Akarere iki gikorwa mu Murenge wa Runda kuri site ya AGAPE Perezida mu Kagari ka Ruyenzi , yari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere.



## IBIKORWA BY'ITORERO RY'UMUDUGUDU BIKOMEJE ISHINGIRO RYO KUBAKA UBUNYARWANDA



Kuwa 16 Ukuboza 2025 muri gahunda y'Itorero ry'Umudugudu, Umukozi ushinzwe guhuza ibikorwa by'Itorero n'Ubukangurambaga Rusange yifatanyije n'Intore zo mu Kagari ka Masaka Umudugudu wa Ruramba mu Murenge wa Rugalika.

Kimwe n'ahandi mu Midugudu itandukanye icyo gihe hatanzwe ikiganiro cyateguwe na MINUBUMWE gifite insanganyamatsiko igira iti :Icyerecyezo cy'Igihugu 2050 n'Itorero ry'Umudugudu mu cyerecyezo 2050. Hagarutswe ku mikino Gakondo no ku bijyanye n'Umuco nyarwanda (igisoro, Gusakuza , Kuvuga amazina y'Inka n'intambwe ya Mutima w'Urugo.Abitabiriye gahunda biyemejeGusigasira Umuco wacu . Ibiganiro byasojwe no kwakira ibibazo by'abaturage banishakamo ibisubizo nk'intore.

Gahunda nk'iyi kandi yo kwimakaza ibikorwa by'Itorero, yanakozwe kuwa 17 Ukuboza 2025 aho Umutahira w'Akarere Mme MUKAGIHANA Epiphanie yatanze ikiganiro ku Rubyiruko 186 rwavuye mu bigo bitandukanye byo mu Karere ka Kamonyi kuri gahunda ya "National Sport Talent week" Bakaba bahurijwekuri site ya ESB Kamonyi guhera kuwa 17/12/2025.





# UBUYOBOZI BW'AKARERE BWAKOZE UBUGENZUZI AHAKORERWA UBUCUKUZI BWA KARIYERI





Kuwa 17 Ukuboza 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana Niyongira Uzziel hamwe n'itsinda ayoboye basuye Umurenge wa Nyamiyaga mu Tugari twa Bibungo na Mukinga.

Iri ni itsinda rigize "Task Force" y'Akarere y'ubucukuzi bw'Amabuye y'agaciro na Kariyeri aho icyo gihe basuye ahakorerwa ubucukuzi butemewe muri utwo Tugari basuzuma niba amategeko n'amabwiriza agenga ubucukuzi yubahirizwa, by'umwihariko kureba niba amategeko agenga ahatagikorerwa ubucukuzi yubahirizwa hagamijwe gusubiranya no kurengera ibidukikije.

Muri rusange basanze ubucukuzi bwa kariyeri butemewe bwarahagaze kuko ubucukuzi bwakorwaga bwangizaga ibidukikije. Hari igice kinini batangiye gusubiranya no gutera insina, urubingo n'ibyatsi, icyo gihe kandi hafashwe ingamba zigamije gushyira imbaraga mu gusubiranya ahacuwe mu buryo butemewe; gushyira imbaraga mu gufata abakoze ubwo bucukuzi butemewe bakabiryozwa no gushyira imbaraga mu bugenzuzi buhoraho.

# MUGINA: RWANDA KOLPING SOCIETY YASHYIKIRIJE IMIRYANGO 50 IBIGEGA BIFATA AMAZI

Kuwa 11 Ukuboza 2025 mu Murenge wa Mugina, Umuryango Rwanda Kolping Society washyikirije imiryango 50 ibigega bifata amazi mu rwego rwo gufasha aba baturage kugira ubuzima bwiza hashingiwe ku kubona amazi meza.



Ni igikorwa cyitabiriwe na Mme MUJAWAMARIYA Dancille umuhuzabikorwa w'uyu muryango, ibi bigega bifata amazi bikaba bifite agaciro ka miliyoni 10 z'amafaranga y'u Rwanda.



Ku ruhande rw'ubuyobozi hari bwana MUNYAKAZI Epimaque Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mugina, ku rwego rw'Akarere hari Umukozi w'Akarere Ushinzwe Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango Mme UMUHOZA Alexia. Abagenerwabikorwa mbere yo kwakira ibigega bagejeweho impanuro zikubiye mu masezerano yo kubungabunga ibigega bahawe. Igikorwa cy'umunsi cyabimburiwe n'igitambo cy'Ukarisitiya cyatuwe na Padiri Alphonse MUTABAZI.





# HAKOZWE UBUGENZUZI KU BIKORWA BY'ISUKU NO GUCA IBINYOBWA BITUJUJE UBUZIRANENGE

Kuwa 11 Ukuboza i2025 itsinda riyobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere ari kumwe n'abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere (RNP, RIB, NISS, DASSO ), uyu munsi ryasuye Umurenge wa Runda mu rwego rwo kugenzura ibikorwa by'isuku n'isukura no kujya inama uko yanozwa.





Hasuwe kandi uruganda EDEN BUSINESS CENTER ruri mu Kagari ka Ruyenzi rusanzwe rukora inzoga zisembuye ariko rukaba ruherutse mu minsi ishize gufungwa. Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa umwanzuro wafashwe, habayeho igikorwa cyo kumena inzoga litiro 16, 420 L, zasanzwe muri uru ruganda kuko zitujuje ubuziranenge.



## GACURABWENGE: HIZIHIJWE UMUNSI MPUZAMAHANGA WA MWALIMU



Kuwa 12 Ukuboza hirya no hino mu Mirenge hizihijwe Umunsi Mpuzamahanga wa Mwarimu, ku nsanganyamatsiko igira iti: " Uburezi ni umwuga usaba ubufatanye". Abarimu bashimiye Leta y'u Rwanda kubera agaciro yahaye umwarimu akagenerwa umunsi nk'uyu abarimu bo mu Rwanda bishimira ibyagezweho,, batewe ishema n'umwuga bakora kandi ko biteguye gufatanya n'inzego z'ubuyobozi kugira ngo abana bose bige neza.

Ku rwego rw'Akarere ibirori byabereye mu Murenge wa Gacurabwenge muri GS Rosa Mystica Kamonyi. Muri iki gikorwa Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere yemereye abarezi ko Ubuyobozi bw'Akarere buzakomeza kubaba hafi mu gukemura ibibazo baba bafite. Yasabye abayobozi b'amashuri n'abarezi kwimakaza isuku ku ishuri haba ku mubiri,mu byumba by'amashuri n'aho dukorera.





## HAKOZWE INAMA MPUZABIKORWA KU MBUTO N'IFUMBIRE BYUNGANIWE NA LETA





Ku wa 12 Ukuboza ku biro by'Akarere habereye inama mpuzabikorwa yateguwe na MINAGRI ku mbuto n'ifumbire byunganirwa na Leta n'ubwishingizi bw'ibihingwa. Inama yayobowe n'Umuyobozi w'ishami ry'ubuhinzi n'umutungo Kamere bwa MUKIZA Justin ari kumwe n'uhagarariye ikigo RAB Mme MUNEZERO Elise ndetse n'Ushinzwe imicuringire y'Abakozi muri APTC, abakozi ba RAB, APTC.

Hari kandi abakozi bo mu ishami ry'ubuhinzi, abakozi bashinzwe ubuhinzi mu Mirenge, abacuruzi b'inyongeramusaruro abahagarariye ibigo by'ubwishingizi n'abacuruzi banini binyongeramusaruro (Suppliers). Haganiriwe ku mikoreshereze ya Smart Nkunganire n'imbogamizi zikiyagaragaramo ndetse no kongera ubukangurambaga mubahinzi kubwishingizi bw'ibihingwa muri gahunda ya Leta ya TEKANA aho harimo 40% ya nkunganire.



# GUVERINERI KAYITESI YITABIRIYE UMUHANGO WO GUTANGA UBUPASITERI KU BASHUMBA 30 BO MURI EPR

Ku wa 14 Ukuboza, Guverineri w’Intara y’Amajyepfo Mme KAYITESI Alice yitabiriye umuhango wo gutanga ubupasiteri ku badiyakoni 30 bari bamaze iminsi basengerwa ndetse biga ibirebana n’izi nshingano nshya bahamagariwe mu Itorero rya EPR Presybiteri ya Remera Rukoma.

Ni igikorwa cyayobowe na Dr.Pasteri Bataringaya Pascal, Umuyobozi wa EPR ku rwego rw'Igihugu, Guverineri w’Intara y’Amajyepfo Mme Kayitesi Alice wari uhagarariye ubuyobozi bwite bwa Leta, ku rwego rw’Akarere hari umuyobozo w’Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee, abanyamabanga Nshingwabikorwa b’Imirenge ya Rukoma na Musambira.



Mu butumwa bwe Guverineri w’Intara y’Amajyepfo Mme Kayitesi Alice yavuze Leta izakomeza gufatanya n'amadini n'amatorero mu iterambere n'imibereho myiza y'abaturage.

Guverineri yibukije abakirisitu, abayobozi b'amadini n'amatorero hamwe n'abakirisitu babo kwimakaza ibikorwa by'isuku n'isukura aho batuye, haba ku mubiri, aho bakorera kuko isuku ari isoko y'ubuzima.



## INZEGO ZOSE ZASABWE UBUFATANYE KU KURWANYA ICYOREZO CYA RIFT VALLEY FEVER MU MATUNGO



Ku Biro by'Akarere ku cyumweru tariki 14 Ukuboza habereye habereye inama ihuriweho n'inzego zitandukanye mu rwego rwo gukurikirana indwara y'Ubuganga bwo mu Kibaya cya Rifuti (Rift Valley Fever) mu matungo ndetse no mu bantu mu Karere ka Kamonyi. Inama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere, yitabiriwe na Visi Meya ushinzwe iterambere ry'Ubukungu bwana Niyongira Uzziel, abahagarariye inzego z'umutekano n'itsinda ry'abatekinisiye ba RBC, RAB, Ibitaro bya Remera Rukoma, ry'ubuzima ku Karere. Hari kandi Veterineri w'Akarere, ab'Imirenge bose ndetse na "Company" y'abaveterineri bikorera bafite amasezerano yo gutanga serivise z'ubworozi mu Karere.

Hasuzumwe ibyavuye mu bugenzuzi bwakozwe kuva taliki 11/12/2025 no gufatira hamwe ingamba zo gukumira ubwiyongere bw'ubwandu bw'iyi ndwara mu matungo no mu bantu.



## UBUYOBOZI BWAFATANYIJE N'ABATURAGE MURI SIPORO RUSANGE



Kuwa 14 Ukuboza 2025, Uyu munsi mu Karere hose hakozwe siporo rusange, ku rwego rw'Akarere siporo yakorewe kuri stade ya Ruyenzi mu Murenge wa Runda, yitabiriwe n'ibyiciro by'abantu batandukanye, Visi Meya Ushinzwe Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel, hari kandi Visi Meya Ushinzwe Imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee.

Abitabiriye bibukijwe akamaro ka siporo ku buzima, hatanzwe ubutumwa ku kwitabira igikorwa cyo kwifotoza no kwemeza imyirondoro kugirango bazahabwe indangamuntu koranabuhanga n'Ubutumwa bwa RBC bujyane no gutanga amaraso ku bushake mu rwego rwo gufasha indembe ziyakenera kwa muganga, ababishaka kandi batanze amaraso iki gikorwa kikaba cyakozwe ku bufatanye na RBC.



# HAKOZWE INAMA Y'UMUTEKANO YAGUYE Y'AKARERE

Kuwa 15 Ukuboza, Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere yayoboye inama y'umutekano yaguye y'Akarere yabereye ku biro by'Akarere i Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenge, iyi nama y'umutekano yaguye yabanjirijwe n'inama y'umutekano itaguye y'Akarere.



Iyi nama ngarukakwezi yitabiriwe n'abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, Abahagarariye inkeragutabara ku rwego rw' Umurenge n'abahuzabikorwa ba DASSO mu Mirenge.



Mu nama hasuzumwe ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama iheruka; Ishusho y' umutekano mu gihe cy'amezi atatu (Ukwakira-Ugushyingo –Ukuboza 2025); Imyiteguro yo kubungabunga umutekano mu minsi Mikuru.







## KOMITE NYOBOZI YAGUYE Y'INAMA Y'IGIHUGU Y'URUBYIRUKO BATERANYE MU NAMA NGARUKAGIHEMBWE

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel ari kumwe n'umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere bwana HAGENIMANA Felix; kuwa 15 Ukuboza 2025 yayoboye ku Karere inama nyunguranabitekerezo, yatumiwemo Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere, Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Uruibyiruko ku rwego rw'Umurenge n'abakozi mu Mirenge bafite mu nshingano Urubyiruko .





Hasuzumwe ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Urubyiruko 2024-2025 n'imbogamizi zagaragaye, gahunda y'ibikorwa by'igihembwe cya gatatu (Mutarama-Werurwe 2026), Uruhare rw'abagize inzego z'urubyiruko mu kubarura urubyiruko rudafite akazi n'Imitangire ya raporo.





# UMUYOBOZI W'AKARERE YASUYE ABANA BAFITE IMPANO MU MIKINO AHO BARI MU MWIHERERO (CAMP) KURI ESB

Kuva kuwa 16/12 kugeza kuri 22/12/2025, muri ESB ; bari muri camp yateguwe na Ministère ya Sport ifanyije na Ministère y'Uburezi kugira ngo hatezwe imbere impano zabo mu mikino (Basketball ; Volleyball ; Handball ; Football na Athlétisme).



Umuyobozi w'Akarere Dr.NAHAYO Sylvere yasuye aba bana abaganirira ku ndangagaciro ziranga umusportif kandi abifuriza ishya n'ihirwe no kuzagera kure hashoboka. Aba bana batoranyijwe mu Mirenge yose, aho hagendewe ku bushobozi buri wese afite nabo hakazatoranywamo abafite ubushobozi bwo gukina kurusha abandi.








**NewsLetter yatunganyijwe na:**

**Faustin NTAKIRUTIMANA (PRO)**